REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RW'IKIRENGA
BP 2197 KIGALI

## ITANGAZO N°...003.../CSM/2021 RY'IMYANYA Y'AKAZI

Urukiko rw'Ikirenga ruramenyesha abantu bose bujuje ibisabwa kandi babyifuza ko, hari imyanya y'akazi ipiganirwa, ku buryo bukurikira:

1) Imyanya itandatu (6) y'Abacamanza mu Nkiko z'Ibanze
2) Imyanya itanu (5) y'Abanditsi mu Nkiko Zisumbuye
3) Imyanya itatu (3) y'Abanditsi mu Rukiko rw'Ubucuruzi
4) Imyanya ibiri (2) y'Abanditsi mu Nkiko z'Ibanze

**- Ibisabwa k'ushaka gupiganwa:**

1) Kuba ari Umunyarwanda;
2) Kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
3) Kuba afite nibura impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya Kaminuza (Ao) mu by'amategeko;
4) Kuba afite impamyabushobozi y'ishuri ryemewe na Leta ryigisha umwuga mu by'amategeko;
5) Kuba adafite ubumuga bwo mu mutwe bwatuma adashobora gukora imirimo y'ubucamanza/y'ubwanditsi bw'inkiko, byemejwe na muganga wemewe na Leta;
6) Kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mboneragihugu n'ubwa politiki;
7) Kuba atarigeze ahanishwa igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu cyabaye ndakuka;
8) Kuba atarahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa icy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo;
9) Kuba atarangwaho amacakubiri ayo ari yo yose;
10) Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze uretse igihe bigaragaye ko yarenganye byemejwe n'urukiko;
11) Kuba atarataye umurimo cyangwa ataranze kuwugarukaho mu gihe yari yarahagaritswe by'igihe gito cyangwa atarawugarutseho igihe yari abisabwe;
12) Kuba atagaragara ku rutonde rw'ababujijwe kuba abakozi ba Leta;
13) Kuba ari inyangamugayo;
14) Kuba atabogama;
15) Kuba atavugirwamo.

**- Ibindi bisabwa**: Kuba azi gukoresha ikoranabuhanga.

**- Uburambe busabwa:**

1) Ku bashaka kuba Abacamanza mu Nkiko z'Ibanze, basabwa kuba bafite nibura uburambe bw'imyaka ine (4) mu mirimo ijyanye n'iby'amategeko.
2) Ku bashaka kuba Abanditsi mu Nkiko Zisumbuye, basabwa kuba bafite nibura uburambe bw'imyaka itatu (3) mu mirimo ijyanye n'iby'amategeko.
3) Ku bashaka kuba Abanditsi mu Rukiko rw'Ubucuruzi, basabwa kuba bafite nibura uburambe bw'imyaka itatu (3) mu mirimo ijyanye n'iby'amategeko.

Uwifuza ako kazi, yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza; ibaruwa ikoherezwa mu Bunyamabanga Rusange bw'Urukiko rw'Ikirenga kuri "*email*": **job@judiciary.gov.rw**, iherekejwe n'umwirondoro (CV), fotokopi y'impamyabumenyi iriho umukono wa Noteri, fotokopi y'impamyabushobozi y'ishuri ryemewe na Leta ryigisha umwuga mu by'amategeko, fotokopi y'indangamuntu, icyemezo cy'uko atigeze ahanishwa ku buryo budasubirwaho igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6), icyemezo cya muganga gitanzwe n'ivuriro rya Leta, n'icyemezo cy'aho yakoze kigaragaza uburambe mu mirimo ijyanye n'amategeko.

Dosiye yoherezwa mu buryo bukurikira:

- Dosiye yoherezwa kuri "*email*": **job@judiciary.gov.rw**
- Inyandiko zose zigomba koherezwa ziri muri PDF
- Dosiye yoherezwa inshuro imwe kandi irimo inyandiko zose zisabwa
- Ahanditse impamvu (subject), hagaragazwa umwanya usabwa

Kwakira dosiye, bizakorwa kugeza kuwa gatanu, ku itariki ya **30/04/2021** saa kumi n'imwe (5pm).

Kigali, kuwa 12 AVR 2021

**MUKANDAMUTSA Josephine**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**
**w'Inama Nkuru y'Ubucamanza**

URUKIKO RW'IKIRENGA - SC
REPUBULIKA Y'U RWANDA